**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RUKURU RW'UBUCURUZI**
**B.P: 7197 KIGALI**

**ITEGEKO RYA PEREZIDA N° 0026/19/HCC RIHAMAGAZA UMUBURANYI UDAFITE AHO ATUYE CYANGWA AHO ABA HAZWI**

Umwaka wa 2019, umunsi wa 03 w'ukwezi k'Ukwakira;

Twebwe, KAMERE Emmanuel, Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, dufashijwe na MUNYEHIRWE Jean Protogène, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko mu nama ntegurarubanza yo kuwa 02/10/2019 mu rubanza **RCOMA 00473/2019/HCC GASANA Jean Marie Vianney** waregaga yagaragaje ko umuhesha w'inkiko yanditse ku nyandiko zihamagara ababuranyi zo kuwa 02/10/2019 ko yabuze aho **EBENEZER GMSTONES Ltd, MBABAZI KAJIMBIRI Chantal** na **NGOGA Emmanuel** basigaye babarizwa ;

Dushingiye ku ngingo ya 45 n'iya 46 z'itegeko n° 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ;

Dutegetse ko ihamagara rya **EBENEZER GMSTONES Ltd, MBABAZI KAJIMBIRI Chantal** na **NGOGA Emmanuel** rimanikwa mu gihe cy'amezi abiri ku Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi no ku Rukiko rw'Ubucuruzi ahamanikwa amatangazo rigashyirwa no ku rubuga (website) rw'Urukiko rw'Ikirenga;

Tumenyesheje **EBENEZER GMSTONES Ltd, MBABAZI KAJIMBIRI Chantal** na **NGOGA Emmanuel** ko ibisobanuro birambuye kuri uru rubanza babibona banyuze mu nzira y'ikoranabuhanga ya IECMS bamaze kugaragaza umurongo wa interineti bazajya bamenyesherezwaho ibijyanye n'urubanza rwabo ;

Dutegetse ko iri tegeko rizatangazwa mu kinyamakuru **IMVAHO NSHYA;** inama ntegurarubanza ikazaba **kuwa 13 Ukuboza 2019 saa tanu (11h00)**;

URUKIKO RUKURU RW'UBUCURUZI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

| | |
|---|---|
| **KAMERE Emmanuel** | **MUNYEHIRWE Jean Protogène** |
| (Perezida) | (Umwanditsi) |